# FUCORIRWA

**FEDERATION DES UNIONS DES COOPERATIVES RIZICOLES AU RWANDA**
**FEDERATION OF RICE GROWERS COOPERATIVES IN RWANDA**
**IMPUZAMAHURIRO Y'AMAKOPERATIVE Y'ABAHINZI B'UMUCERI MU RWANDA**
B.P. 4890 Kigali-rwanda • Email:fucorirwa@gmail.com

Tél : 0788829641/0789262062


## ITANGAZO RY'AKAZI K'UMWANYA W'UMUGENZUZI WIGENGA (External Auditor)

Impuzamahuriro y'Amakoperative y'Abahinzi b'umuceri mu Rwanda (FUCORIRWA) irifuza gutanga akazi ku mwanya 'Umugenzuzi wigenga (External Auditor) uzayikorera ubugenzuzi bw'umwaka umwe wa 2023 ni ukuvuga guhera mu kwezi kwa Mutarama kugeza mu kwezi k'Ukuboza 2023.

upiganira uyu mwanya agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba ari indacyemwa mu mico no mu myifatire
3. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kigeze cyangwa kirenze amezi atandatu( 6)
4. Kuba ari Umugenzuzi wabigize umwuga kandi ukorera muri kampani z'ubugenzuzi zemewe mu Rwanda
5. Abaye ari umugenzuzi ku giti cye udakorera muri campany agomba kuba afite seritifika ya CPA cyangwa ACCA.
6. Kuba asanzwe akora ubugenzuzi kandi azi neza uko amakoperative yo mu Rwanda akora.
7. Kuba atarigeze anengwa na Raporo z'izindi nzego mu bugenzuzi yakoze.

**INSHINGANO Z'UYU MUGENZUZI**

1. Gukorera FUCORIRWA ubugenzuzi ku bikorwa yakoze guhera muri **MUTARAMA kugeza mu kwezi kw'UKUBOZA 2023.**
2. Gutanga inama zigamije kunoza imicungire n'imiyoborere ya FUCORIRWA
3. Gutegura no gushyikiriza FUCORIRWA Raporo y'ubugenzuzi no kuyimurikira inteko rusange yayo izaterana muri werurwe 2024.

**ICYITONDERWA: 1.** Abujuje ibisabwa barasabwa kuba bamaze gutanga dossier zabo kuri email : fucorirwa@gmail.com bitarenze kuwa **05/02/2024** isaa kumi n'imwe z'umugoroba **(17h00)** zikubiyemo **Ibaruwa isaba akazi** yandikiwe Perezida w'Inama 'ubuyobozi ya FUCORIRWA **, fotokopi ya Diplome, umwirondoro-CV, ibyemezo byerekana ibigo byibura 2 yaba yarakoreye ubugenzuzi, indangamuntu-ID , Icyemezo cy'uko atafunzwe , icyemezo cy'uko ari umugenzuzi ukorera muri kampani y'ubugenzuzi yemewe mu Rwanda. seritifika ya CPA cyangwa ACCA kubikorera ku giti cyabo** batari muri kampani.
**2.** Upiganira uyu mwanya arasabwa kugaragaza mu ibaruwa isaba akazi igihembo azahabwa na FUCORIRWA igihe yaba ayikoreye ubwo bugenzuzi.

**Uzatsindira uyu mwanya azabimenyeshwa kuri email ye na Telephone ye bitarenze itariki 12/02/2024 .**

**Bikorewe I Kigali kuwa 23/01/2024**

**RWAMWAGA Jean Damascene**

**Perezida w'inama y'ubuyobozi ya FUCORIRWA**

FEDERATION DES UNIONS DES COOPERATIVES RIZICOLES FUCORIRWA RWANDA

CamScanner